



Ku bagize urwego RBB Bose!

Impamvu: Gusezera muri RBB

Bavandimwe mugihanyanyaza,

Mu izina rya UFF-INDANGAMIRWA nari mpagarariye mu rwego mpuzabitekerezo rwa RBB,

Ndabanza gushimira mwebwe mwese twabanye muri uru rwego nyungurana bitekerezo, kubera ubushake mwagaragaje bwo kugira icyo mwamarira u Rwanda buri wese uko abyumva,

Mugihe kigereraniye tumaranye, twafashe umwanya uhagije wo kungurana ibitekerezo hagamijwe kugirango turebe uko twagera kuntege twari turangaje imbere mu ntango y'urugendo,

Nyuma y'igihe gito ikizere twari dufite cyaraje amasinde kuko bidatinze hari abagaragaje inyota yo guhindura RBB umuyoboro w'ibitekerezo bitumvikanweho n'impande zose bereka abandi ko bayobye inzira mubagize RBB.

ZIMWE MU MPAMVU ZIDUTEYE GUSEZERA MURI RBB

1. Kuba hari abashishikajwe no kubaka urukuta rugamije kubangamira ubwisanzure mugutanga ibitekerezo no kwibasira ababitanze hagamijwe kubacecekesha, aho kwubahiriza umuco wa consensus,
2. Kwivanga no kubangamira imirimo y'amatsinda k'umwidishyi wiyita Umuvugizi no gufataho Ingwate imwe mu mishinga iba yavunnye abayiteguye ikabuzwa gutambutswa ngo ntacyakorwa hatemejwe ibyifuzo bya bamwe,
3. Guta umwanya munini n'imbaraga nyishi mu mishinga isenya RBB kurusha kubishyira mu mu mishinga iyubaka kandi idateza impaka,

Bityo, turasanga intego zari ziduhuje zaratandukiriye bikabije kuko aho kubaka ibiraro ahubwo bamwe bashishikajwe no kubaka umunara wa BABEL cyangwa se Urukuta twagereranya na Mur de Berlin,

Kubera izo mpamvu dusanze nta musaruro tugiteze muri RBB, none duhisemo gusezera.

Mugire amahoro

Bikorewe i Paris kuwa 16/09/2021

Mu izina rya UFF-INDANGAMIRWA

Jabo AKISHULI



A luta continua